Mujye mugorora imirongo yanyu, kubera ko kuyigorora ari bimwe mu bituma iswalat yuzura

Hadith yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mujye mugorora imirongo yanyu, kubera ko kuyigorora ari bimwe mu bituma iswalat yuzura."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) itegeka abantu basali kugorora imirongo yabo, kandi ko nta bakwiye guhagarara imbere y'abandi cyangwa se inyuma yabo, kandi ko kuyigorora bituma iswalat yuzura ikanatungana, ndetse ko kugorama kw'imirongo bitera ukudatungana kw'iswalat no kutuzura kwayo.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3031